

ITEGEKO N° 04/2010 RYO KUWA
16/4/2010 RIGENA IMIKORESHEREZE
Y'INGINGO Z'UMUBIRI
N'IBIKOMOKA MU MUBIRI
W'UMUNTU MU BUVUZI, MU
NYIGISHO NO MU BUHANGA

LAW N°04/2010 OF 16/4/2010
REGULATING THERAPEUTIC,
EDUCATIONAL AND SCIENTIFIC
UTILISATION OF ORGANS AND
PRODUCTS OF THE HUMAN BODY

LOI N° 04/2010 DU 16/4/2010
REGISSANT L'UTILISATION
THERAPEUTIQUE, PEDAGOGIQUE
ET SCIENTIFIQUE DES ORGANES
ET PRODUITS DU CORPS HUMAIN

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER :
DISPOSITIONS GENERALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko
rigamije**

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Ingingo 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2 : Définitions des termes

**Ingingo ya 3: Ubudahungabanywa
bw'umubiri w'umuntu**

Article 3: Inviolability of the human body

Article 3 : Inviolabilité du corps humain

**Ingingo ya 4: Kutagurisha umubiri
w'umuntu cyangwa ibiwukomokaho**

**Article 4: Prohibition from selling the
human body or its products**

**Article 4 : Interdiction de prix du corps
humain ou de produits de celui-ci**

**Umutwe WA II: ITANGWA
N'IKORESHA BY'INGINGO NA TISI
BY'UMUBIRI W'UMUNTU
N'IBIWUKO-MOKAHO HAGAMIJWE
UBUVUZI**

**CHAPTER II: DONATION AND
UTILISATION OF ORGANS AND
TISSUES OF THE HUMAN BODY AND
ITS PRODUCTS FOR THE
THERAPEUTIC PURPOSES**

**CHAPITRE II: DON ET
UTILISATION DES ORGANES ET
DES PRODUITS DU CORPS HUMAIN
A DES FINS THERAPEUTIQUES**

Ingingo ya 5 : Uburyo itangwa n'ikoresha by'ingingo na tisi by'umubiri w'umuntu bikorwamo

Article 5: Modalities of donation and utilisation of organs and tissues of the human body

Article 5 : Modalités de prélèvement et de transplantation d'organes et tissus du corps humain

Ingingo ya 6 : Kugaragaza ubushake

Article 6: Expression of consent

Article 6 : Expression du consentement

Ingingo ya 7 : Kubungabunga ibikorwa byo kuvanamo no gusimbura ingingo n'ibikomoka mu mubiri

Article 7: Preservation of the removal and transplantation of organs and human body products

Article 7 : Sécurité de prélèvement et transplantation d'organes et produits du corps humain

Ingingo ya 8 : Ibanga

Article 8: Confidentiality

Article 8 : Confidentialité

Ingingo ya 9 : Guhabwa ingingo, tisi y'umubiri w'umuntu n'ibikomoka ku mubiri

Article 9: Transplanting an organ, a tissue and body products

Article 9 : Transplantation d'organe, de tissu et de produits du corps humain

Ingingo ya 10: Ikurwaho ry'ingingo, tisi y'umubiri w'umuntu, n'ibikomoka mu mubiri ku muntu wapfuye

Article 10: Removal of an organ, tissue and body products from a dead person

Article 10 : Prélèvement d'organe, de tissu et de produits du corps sur une personne décédée

Ingingo ya 11: Itumizwa n'iyoherezwa mu mahanga ry'ingingo, tisi by'umubiri w'umuntu n'ibikomoka mu mubiri

Article 11: Importation and exportation of organs, body tissues and products

Article 11 : Importation et exportation d'organes, de tissus et de produits du corps humain

UMUTWE WA III: GUSUZUMA UMURAMBO

CHAPTER III: AUTOPSY

CHAPITRE III : AUTOPSIE

Ingingo ya 12: Gusuzuma umurambo hagamijwe gushakisha impamvu z'urupfu bisabwe n'ubutabera.

Article 12: Autopsy to establish the cause of death upon a judicial request

Article 12 : Autopsie pour savoir les causes du décès à la demande de l'autorité judiciaire

Ingingo ya 13: Gusuzuma umurambo hagamijwe ubumenyi

Article 13: Autopsy for scientific purposes

Article 13 : Autopsie à des fins scientifiques

UMUTWE WA IV: KURAGA UMUBIRI UZAKORESHA MU BUSHAKASHATSI, UBUVUZI, UBUMENYI NO MU KWIGISHA

CHAPTER IV: LEAVING A WILL FOR THE HUMAN BODY FOR RESEARCH, MEDICAL, SCIENTIFIC AND EDUCATIONAL PURPOSES

CHAPITRE IV : DON DE CORPS POUR L'UTILISATION EN MATIERE DE RECHERCHE, MEDICALE, SCIENTIFIQUE ET PEDAGOGIQUE

Ingingo ya 14: Kuraga umubiri

Article 14: Leaving a will for the human body

Article 14 : Léguer son corps

Ingingo ya 15: Umurambo wabuze benewo

Article 15: Unidentified cadaver

Article 15 : Corps humain non identifié

Ingingo ya 16: Gutwara umurambo warazwe no kuwushyigura

Article 16: Transport of the cadaver left in a will and its burial

Article 16 : Transport et inhumation du corps légué

UMUTWE WA V: IBIHANO

CHAPTER V: PENALTIES

CHAPITRE VI : PEINES

Ingingo ya 17: Ibihano bigenerwa ukura urugingo mu muntu ufite indwara yandura

Article 17: Penalties for a person who removes an organ from a person with an infectious disease

Article 17 : Peines pour une personne qui prélève un organe sur une personne atteinte d'une maladie contagieuse

Ingingo ya 18: Ibihano bigenerwa ukura mu muntu urugingo rumwe rukumbi

Article 18: Penalties for a person who removes a single organ from a person

Article 18 : Peines pour une personne qui prélève sur une personne un organe unique

Ingingo ya 19: Ibihano bigenerwa ukura urugingo mu muntu utarabyemeye

Article 19: Penalties for a person who removes an organ from a person without his/her consent

Article 19 : Peines pour une personne qui prélève un organe sur une personne sans son consentement

Ingingo ya 20: Ibihano bijyanye no kugurisha ingingo z'umubiri w'umuntu

Article 20: Penalties relating to sale of human body organs

Article 20 : Peines relatives au commerce d'organes du corps humain

Ingingo ya 21: Ibihano bigenerwa umuganga uvana urugingo mu muntu atarabona inyandiko zemeza ko yapfuye

Article 21: Penalties for a doctor who removes a body organ without a death certificate

Article 21 : Peines pour un médecin qui prélève un organe avant d'obtenir le certificat de décès

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 22: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Article 22: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 22 : Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 23: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 23: Repealing provision

Article 23 : Disposition abrogatoire

Ingingo ya 24: Igihe iri tegeko ritangirira gukurikizwa

Article 24: Commencement

Article 24 : Entrée en vigueur

ITEGEKO N° 04/2010 RYO KUWA 16/4/2010 RIGENA IMIKORESHEREZE Y'INGINGO Z'UMUBIRI N'IBIKOMOKA MU MUBIRI W'UMUNTU MU BUVUZI, MU NYIGISHO NO MU BUHANGA

LAW N° 04/2010 OF 16/4/2010 REGULATING THERAPEUTIC, EDUCATIONAL AND SCIENTIFIC UTILISATION OF ORGANS AND PRODUCTS OF THE HUMAN BODY

LOI N° 04/2010 DU 16/4/2010 REGISSANT L'UTILISATION THERAPEUTIQUE, PEDAGOGIQUE ET SCIENTIFIQUE DES ORGANES ET PRODUITS DU CORPS HUMAIN

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO :

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT :

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 4 Ukuboza 2009;

The Chamber of Deputies, in its session of 4 December 2009;

La Chambre des Députés, en sa séance du 4 décembre 2009 ;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 21 Kanama 2009;

The Senate, in its session of 21 August 2009;

Le Sénat, en sa séance du 21 août 2009;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 10, iya 12, iya 15, iya 41, iya 62, iya 66, iya 67,

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June , 2003 as amended to date, especially in Articles 10, 12, 15, 41, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95,108,118 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que modifiée à ce jour, spécialement en ses articles 10, 12, 15, 41, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 118 et 201;

Official Gazette n° 18 of 03/5/2010

iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93,95 iya 108, iya 118 n'ya 201;

Ishingiye ku Itegeko-teka n° 21/77 ryo kuwa 18 Kanama 1977 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana mu ngingo yayo ya 352;

Pursuant to Decree-Law n°21/77 of 18 August 1977 governing the Penal Code in Article 352;

Vu le Décret-loi n° 21/77 du 18 août 1977 instituant le Code pénal en son article 352;

Ishingiye ku Itegeko n°42/1988 ryo kuwa 27 Ukwakira 1988 rishyiraho interuro y'ibanze n'igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano mu ngingo ya 131;

Pursuant to Law n°42/1988 of 27 October 1988 establishing the Preliminary Title and the Civil Code Book I, in Article 131;

Vu la Loi n°42/1988 du 27 octobre 1988 instituant le Titre préliminaire et le Livre premier du Code civil en son article 131;

Ishingiye ku Itegeko n°10/98 ryo kuwa 28/10/1998 ryerekeye ubuhanga bwo kuvura;

Pursuant to Law n° 10/98 of 28/10/1998 determining the practice of the art of healing;

Vu la Loi n°10/98 du 28/10/1998 portant l'exercice de l'art de guérir ;

Ishingiye ku Itegeko n°12/2001 ryo kuwa 24/01/2001 rishyiraho amarimbi n'iyubahirizwa ryayo;

Pursuant to the Law n°12/2001 of 24/01/2001 designing cemeteries and their preservation;

Vu la Loi n°12/2001 du 24/01/2001 portant création des cimetières et imposant leur respect;

Ishingiye ku Itegeko n°30/2001 ryo kuwa 12/ 06/ 2001 rishyiraho imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urugaga rw'Abaganga.

Pursuant to Law n° 30/2001 of 12/06/2001 determining the organisation, functioning and scope of activities of the Medical Council;

Vu la Loi n°30/2001 du 12/06/ 2001 portant organisation, fonctionnement et compétence de l'Ordre des Médecins;

Ishingiye ku Itegeko n°25/2008 ryo kuwa 25/07/2008 rishyiraho Inama y'Igihugu y'Abaforomokazi, Abaforomo n'Ababyaza rikanagera imiterere, imikorere n'ububasha bwayo;

Pursuant to Law n° 25/2008 of 25/07/2007 establishing the National High Council of Nurses and Midwifery and determining its organisation, functioning and powers;

Vu la Loi n° 25/2008 du 25/07/2008 portant création, organisation, fonctionnement et compétence du Conseil National des Infirmières, des Infirmiers et des Sages-femmes;

YEMEJE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko
rigamije**

Iri tegeko rigena imikoreshereze y'ingingo z'umubiri w'umuntu n'ibikomoka mu mubiri w'umuntu, mu buvuzi, mu nyigisho no mu buhanga.

Ingingo 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko amagambo akurikira asobanura:

- 1° **“urugingo”**: igice cyose cy'umubiri w'umuntu gikora umurimo uzwi neza kandi wihariye;
- 2° **“ibikomoka mu mubiri”**: ibice byose biva cyangwa bikomoka mu mikorere isanzwe y'umubiri w'umuntu;
- 3° **“tisi y'umubiri w'umuntu”**: ihuriro ry'uturamubiri twinshi kandi duteye kimwe, twihagije kandi duhuriye ku murimo umwe uzwi mu mubiri w'umuntu;

ADOPTS:

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

Article One: Purpose of this Law

This Law determines the therapeutic, educational and scientific utilisation of organs and products of the human body.

Article 2: Definitions of terms

For the purpose of this Law, the following terms shall mean:

- 1° **“organ”**: anatomical structure of the human body exercising a given and specific function;
- 2° **“products”**: all substances, facts that result from a natural process or human operation;
- 3° **“tissue”**: group of various cells of a similar structure, specialised in the same function;

ADOPTE:

**CHAPITRE PREMIER :
DISPOSITIONS GENERALES**

Article premier : Objet de la présente loi

La présente loi détermine l'utilisation thérapeutique, pédagogique et scientifique des organes et des produits du corps humain.

Article 2 : Définitions des termes

Au sens de la présente loi, les termes ci-après ont les significations suivantes :

- 1° **« organe »** : structure anatomique du corps humain exerçant une fonction spécifique et particulière;
- 2° **« produits »** : toutes les substances, faits qui résultent d'un processus naturel ou d'une opération humaine ;
- 3° **« tissu »** : ensemble de cellules de structure semblable spécialisées dans une même fonction ;

- 4° “**gusuzuma umurambo**”: ugusuzuma no kubaga umurambo, hagamijwe gushakisha impamvu z’urupfu;
- 4° “**autopsy**”: post-mortem examination of a body to determine the cause of death;
- 4° «**autopsie**»: dissection et examen d’un cadavre pour déterminer les causes de la mort;
- 5° “**ikurwamo ry’urugingo**”: ukuvana urugingo mu mubiri w’umuntu hagamijwe kurukoresha mu buvuzi;
- 5° “**amputation of an organ**”: removal of an organ from a human body with an aim of using it for treatment;
- 5° «**prélèvement d’un organe**»: prélever un organe du corps humain pour une utilisation thérapeutique;
- 6° “**kwigishiriza ku murambo**”: ukwigisha n’ukubaga umurambo hagamijwe kwigisha ubumenyamuntu;
- 6° “**cadaver dissection**”: educating and carrying out surgical operations on a dead body with an intention of providing human anatomy lessons;
- 6° «**utilisation d’un cadavre à des fins pédagogiques**»: dissection d’un cadavre à des fins d’enseignement de l’anatomie humaine;
- 7° “**gusimbura urugingo cyangwa tisi**”: ukwimura urugingo cyangwa tisi z’umubiri bikorewe ku muntu ubwe cyangwa se ku wundi;
- 7° “**organ or tissue transplant**”: transferring a human organ or a tissue on an individual or from one person to another;
- 7° «**transplantation d’un organe ou d’un tissu**»: transfert d’un organe ou d’un tissu à partir du corps d’une personne vers une autre partie de son corps ou d’une autre personne;
- 8° “**imikoreshereze y’umubiri mu buvuzi**”: uburyo bwose bukoreshwa mu buvuzi kugira ngo barwanyeye indwara hakoreshejwe umubiri;
- 8° “**use of human body for treatment**”: means used in treatment in order to fight against diseases by use of the body;
- 8° «**utilisation du corps à des fins thérapeutiques**»: approche utilisée dans l’art thérapeutique dans le but de lutter contre les maladies au moyen des parties du corps;
- 9° “**gutwika umurambo**”: uburyo bukoreshwa butuma umurambo cyangwa ibiwukomokaho bihinduka ivu;
- 9° “**cremation of the human body**”: technique applied in order to reduce the dead body or its products into ashes;
- 9° «**incinération d’un cadavre**»: technique visant à réduire en cendres le cadavre ou les parties du cadavre;
- 10° “**ab’uwapfuye**”: abantu bakurikirana batya: uwo bari barashakanye, abana be
- 10° “**relatives of the deceased**”: persons in the following order of priority: spouse
- 10° «**proches du défunt**»: personnes déterminées dans l’ordre de priorité

bafite imyaka y'ubukure, ababyeyi be cyangwa abavandimwe be mu gihe nta bandi bahari.

of the deceased, his/her children with majority age, his/her parents or keens if there are no others.

suiyant : le conjoint, les descendants majeurs, le père et la mère et, à défaut, les frères et sœurs.

Ingingo ya 3: Ubudahungabanywa bw'umubiri w'umuntu

Article 3: Inviolability of the human body

Article 3 : Inviolabilité du corps humain

Umubiri w'umuntu ni indahungabanywa. Ibiwugize n'ibiwukomokaho bikoreshwa mu buvuzi ntibishobora gucuruzwa.

The human body is inviolable. Its organs and products used in treatment shall not be sold.

Le corps humain est inviolable. Ses organes et ses produits utilisés dans l'art thérapeutique ne peuvent pas faire l'objet de vente.

Umubiri w'umuntu ntushobora guhungabanywa, keretse bibaye ngombwa mu rwego rwo kumuvura cyangwa mu bundi buryo buteganywa n'itegeko.

The human body is inviolable, unless if considered necessary for therapeutic reasons or in other procedures as prescribed by law.

Le corps humain est inviolable et il ne peut être porté atteinte à son intégrité qu'en cas de nécessité thérapeutique pour la personne ou dans les cas prévus par la loi.

Nyir'ubwite agomba kubanza kwemera, keretse iyo akeneye kuvurwa byihutiwe kandi adashobora kubiyemerera.

The concerned person shall first consent except if he/ she requires urgent treatment and unable to give his/her consent.

Le consentement de l'intéressé doit être préalable hormis le cas où son état rend nécessaire une intervention d'urgence à laquelle il n'est pas à même de consentir.

Umuntu akiriho, ashobora guhakana kuzakurwaho urugingo amaze gupfa.

A person who is still alive may reject any amputation of an organ from his/her body after death.

Une personne peut faire connaître de son vivant son refus de prélèvement d'organe après décès.

Ingingo ya 4 : Kutagurisa umubiri w'umuntu cyangwa ibiwukomokaho

Article 4: Prohibition of price on th human body or its products

Article 4 : Interdiction de prix du corps humain ou de produits de celui-ci

Nta kiguzi gishobora guhabwa uwiyejeje gukorerwaho ubushakashatsi, cyangwa uwemeye ko ingingo cyangwa ibindi

No price shall be offered to anyone who offers his/her body for experiment, or one who accepts that organs or products of

Aucune rémunération ne peut être allouée à celui qui consent à une expérimentation sur son corps ou à celui qui accepte que ses

bikomoka mu mubiri we bikoreshwa mu kuvura.

Gukuramo no gusimbura ingingo, tisi y'umubiri n'ibikomoka mu mubiri w'umuntu, kimwe no kuwukoreraho ubushakashatsi ntibikorwa mu buryo bw'ubucuruzi cyangwa hagamijwe inyungu.

UMUTWE WA II: ITANGWA N'IKORESHA BY'INGINGO NA TISI BY'UMUBIRI W'UMUNTU N'IBIWUKO-MOKAHO HAGAMIJWE UBUVUZI

Ingingo ya 5 : Uburyo itangwa n'ikoreshwa by'ingingo na tisi by'umubiri w'umuntu bikorwamo

Kuvana urungu cyangwa tisi mu mubiri w'umuntu ndetse no kubisimbura bikorwa gusa n'ibigo by'ubuvuzi bifite uruhushya rutangwa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze. Urwo ruhushya rumara igihe cy'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa.

Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze riteganya Komite ishinzwe gukurikirana ibikorwa bijyanye no gukuramo no gusimbura ingingo, tisi z'umubiri w'umuntu n'ibikomoka mu mubiri.

his/her body be used for therapeutic purposes.

Amputation and transplantation of organs, tissues and products as well as use of the human body for experiment shall be carried out without commercial or lucrative purposes.

CHAPTER II: DONATION AND UTILISATION OF ORGANS AND TISSUES OF THE HUMAN BODY AND ITS PRODUCTS FOR THERAPEUTIC PURPOSES

Article 5: Modalities of donation and utilisation of organs and tissues of human body

Removal of an organ or a tissue from a human body and transplanting them shall be carried out only by health institutions upon authorization by the Minister in charge of health. Such an authorization shall be valid for a period of five (5) years renewable.

An Order of the Minister in charge of health shall determine a committee in charge of operations related to amputation and transplantation of organs, tissues and body products.

organes ou produits de son corps soient utilisés à des fins thérapeutiques.

Les prélèvements et les transplantations d'organes, de tissus et de produits du corps ainsi que les expérimentations sur un corps humain ne peuvent pas être effectués dans un but commercial ou lucratif.

CHAPITRE II: DON ET UTILISATION DES ORGANES ET DES PRODUITS DU CORPS HUMAIN A DES FINS THERAPEUTIQUES

Article 5: Modalités de prélèvement et de transplantation d'organes et tissus du corps humain

Le prélèvement et la transplantation d'organe ou de tissu est effectué par des établissements médicaux autorisés par le Ministre ayant la santé dans ses attributions. Cette autorisation est délivrée pour une durée de cinq (5) ans renouvelable.

Un Arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions détermine un comité chargé de superviser les activités de prélèvement et de transplantation d'organes, de tissus du corps humain et des produits de celui-ci.

Imirimo y'ubuvuzi ikorerwa uwemeye gutanga urugingo rw'umubiri, tisi cyangwa ibikomoka mu mubiri ntiyishyuzwa.

All medical services provided to a person who accepts to give a body organ, tissue or products shall not be subject to payment.

Tous les services médicaux accomplis sur une personne qui a consenti au prélèvement d'organe, de tissu ou de produits de son corps sont gratuits.

Ingingo ya 6 : Kugaragaza ubushake

Nyuma yo kumenyeshwa ingaruka ashobora guhura na zo, utanga urugingo cyangwa ibikomoka mu mubiri we agomba kubyemera mu nyandiko imbere y'itsinda ry'abaganga. Nyamara ashobora kwisubiraho igihe icyo ari cyo cyose. Igitabo cyandikwamo ukwemera kwakozwe kibikwa n'ikigo cy'ubuvuzi kibifitiye ububasha.

Article 6: Expression of consent

After being informed of the consequences he/she may face, the person who gives an organ or body products shall give his/her consent, in writing before a team of doctors. However, the consent shall be revocable at any time. The competent health institution shall keep the records of all consents.

Article 6 : Expression du consentement

Le donneur préalablement informé des risques qu'il peut encourir et des conséquences éventuelles du prélèvement d'organe ou de produit, doit exprimer, par écrit, son consentement devant une équipe de médecins. Ce consentement est révocable à tout moment. Un registre des consentements est tenu par l'établissement de santé habilité.

Nta kurwaho ry'urugingo hagambiriwe kurutanga rishobora gukorerwa umuntu ufite muni y'imyaka 21 y'amavuko, cyangwa se umuntu udashoboye kwifatira ibyemezo.

No removal of organs, with an intention of donating it, shall be carried out to a person below twenty- one (21) years of age or from a mentally incapacitated person.

Aucun prélèvement d'organes en vue d'un don ne peut avoir lieu sur une personne âgée de moins de vingt-et-un (21) ans ou sur une personne sans capacité mentale.

Icyakora, mu gihe ari ngombwa kandi nta bundi buryo bushoboka, umwana ashobora gutanga tisi cyangwa ibikomoka mu mubiri mu gihe icyo gice cy'umubiri we gishobora kongera kwirema mu gihe umubyeyi we, cyangwa umwishingizi we batabitambamiye nyuma yo kumenyeshwa ibyo izo tisi n'ibikomoka mu mubiri bizakoreshwa.

However, in case of emergency and where there is no other alternative, a tissue or a body product may be taken from an under aged person so long as such a tissue, or body product can regenerate provided his/her parent or guardian does not reject the action after being informed of the use of such tissues and body products.

Toutefois, en cas d'ultime nécessité et sans aucune autre option, un tissu ou produit du corps peut être prélevé sur une personne mineure aussi longtemps que ce tissu ou produit du corps peut être régénéré à moins que le parent ou le tuteur du mineur s'y oppose après avoir été informé de leur utilisation.

Urungingo cyangwa tisi y'umubiri zavanywe ku muntu wabazwe zishobora gukoreshwa mu buvuzi, mu kwigisha cyangwa mu bushakashatsi, keretse iyo nyir'ubwite yagaragaje ko atabishaka nyuma yo kumenyeshwa icyo zizakoreshwa.

Ingingo ya 7 : Kubungabunga ibikorwa byo kuvanamo no gusimbura ingingo n'ibikomoka mu mubiri

Ingingo ndetse n'ibindi bigize umubiri w'umuntu ntibishobora gukoreshwa mu kuvura igihe cyose bigaragara ko ingaruka izo ngingo zatera uzihawe ziruta inyungu yakuramo, hakurikijwe ubumenyi n'ubuhanga mu by'ubuvuzi.

Kuvana ingingo mu mubiri w'umuntu kimwe n'ibindi biwugize bigenewe gukoreshwa mu buvuzi bigomba gukorwa hakurikijwe amategeko arebana no kubungabunga ubuzima, cyane cyane agenga isuzuma ry'indwara zandura.

Birabujijwe gukora ikurwamo ry'urungingo cyangwa ikindi gikomoka mu mubiri ku bantu bafite uburwayi bwakwangiza umubiri w'uhabwa urungingo cyangwa urutanga. Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rishyira ahagaragara lisiti

An organ or a tissue removed from a person who underwent surgical operation may be used for therapeutic, educational or research purposes unless the concerned person indicates his/her rejection after being informed of the purpose of their utilisation.

Article 7: Preservation of removal and transplantation of organs and human body products

Organs as well as products of the human body shall not be used for therapeutic purposes if their bad effects would be higher than expected advantages for the recipient, as proven by scientific and medical findings.

Removal of organs from the human body as well as products of the human body for therapeutic purposes must be carried out basing on therapeutic rules of health security, pursuant to detecting tests of transmissible diseases.

It is prohibited to remove an organ or other human product from persons who have transmissible diseases that can affect the donor or the recipient's health. An Order of the Minister in charge of health shall indicate the list of diseases whose medical

L'organe ou tissu prélevé à l'occasion d'une intervention chirurgicale peut être utilisé à des fins thérapeutiques, pédagogiques ou scientifiques, sauf opposition exprimée par l'intéressé, après qu'il ait été informé de l'objet de cette utilisation.

Article 7: Sécurité de prélèvement et transplantation d'organes et produits du corps humain

Les organes ainsi que les produits du corps humain ne peuvent être utilisés à des fins thérapeutiques s'il est scientifiquement et médicalement prouvé que le risque couru par le receveur est supérieur à l'avantage escompté pour celui-ci.

Le prélèvement d'organes et des produits du corps humain à des fins thérapeutiques est soumis aux règles de sécurité sanitaire plus particulièrement celles qui régissent les tests de dépistage des maladies transmissibles.

Il est interdit de procéder au prélèvement d'organes ou de tissus chez des personnes atteintes de maladies de nature à affecter la santé du donneur ou du receveur. Un Arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions établit une liste de maladies

y'indwara umuntu wese ugiye gutanga urugingo cyangwa tisi y'umubiri we agomba gupimwa. Iyo lisiti ivugururwa buri myaka ibiri (2).

test must be undergone by every person who is willing to donate an organ. This list shall be updated every two (2) years.

dont le dépistage doit être systématique chez toute personne qui veut donner un organe ou un tissu de son corps. Cette liste est mise à jour tous les deux (2) ans.

Birabujijwe gukura mu muntu urugingo iyo ari rumwe rukumbi kandi rwa ngombwa kugira ngo umuntu akomeze kubaho kandi bidashoboka ko umubiri we wongera kwiremera urwo rugingo bundi bushya.

It is prohibited to remove a single and indispensable organ for the preservation of life of a person and if the body cannot develop such a new organ.

Il est interdit de prélever du corps humain un organe unique essentiel à la conservation de la vie et qui ne peut se régénérer.

Kuvana urugingo mu mubiri w'umuntu warutanze bikorwa gusa mu nyungu yo kuvura umurwayi.

Removal of an organ from a human body of the donor shall only be done for therapeutic purposes of the recipient.

Le prélèvement d'organe sur une personne vivante qui en fait le don ne peut être effectué que dans l'intérêt thérapeutique du receveur.

Ingingo ya 8 : Ibanga

Article 8: Confidentiality

Article 8 : Confidentialité

Birabujijwe ko uwatanze urugingo n'uwaruhawe bamenyana biturutse ku mikorere y'ikigo cy'ubuvuzi.

It is prohibited for a donor of an organ and the recipient to know each other as caused by the functioning of the health institution.

Il est interdit que le donneur d'organe et le receveur de celui-ci puissent se connaître par le fait du fonctionnement de l'établissement de santé.

Iyo bibaye ngombwa mu rwego rw'ubuvuzi, abaganga b'uwatanze ibyo bice n'ab'uwabihawe nibo bonyine bashobora kwemererwa kumenya abo bantu.

In case of therapeutic necessity, only doctors of the donor and the recipient can be allowed to know them.

En cas de nécessité thérapeutique, seuls les médecins du donneur et ceux du receveur peuvent être autorisés à connaître le donneur et le receveur.

Ingingo ya 9 : Guhabwa ingingo, tisi y'umubiri w'umuntu n'ibikomoka ku mubiri

Guhabwa urugingo cyangwa tisi z'umubiri bikorwa gusa iyo ari bwo buryo bwonyine bwo kurengera ubuzima cyangwa kurinda umubiri w'uruhabwa, bikorwa kandi iyo uruhabwa amaze kugaragaza mu nyandiko ko abyemeye imbere y'abaganga basimbura urugingo cyangwa tisi.

Uburyo inyandiko iba iteye biteganywa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

Ingingo ya 10: Ikurwaho ry'ingingo, tisi y'umubiri w'umuntu, n'ibikomoka mu mubiri ku muntu wapfuye

Ikurwaho ry'urugingo ku muntu wapfuye hagamijwe inyungu z'ubuvuzi, bikorwa hamaze kugaragazwa ko uwo muntu yamaze gupfa koko bigaragajwe n'abaganga babiri (2) batari mu itsinda ry'abashinzwe gukuramo ingingo.

Abo baganga bagaragaje urwo rupfu bandika icyemezo cy'uko umuntu yapfuye.

Birabujijwe gukuraho umuntu urugingo cyangwa bimwe mu bigize umubiri amaze

Article 9: Transplanting organs, tissues and body products

Transplanting a human organ or a tissue is only effected if it is the only way to save the life or physical integrity of the recipient, and when the latter expressed his/her consent, in a written notice, before doctors carrying out transplantation of the organ or tissue.

An order of the Minister in charge of health shall determine the format of such a written notice.

Article 10: Removal of an organ, tissue or body products from a dead person

Removal of an organ from the dead person for therapeutic purposes shall be carried out after confirmation of death by two (2) doctors who are not members of the team of doctors responsible for the removal of the organ.

The doctors who certify such a death shall draw up a death certificate.

It is prohibited to remove an organ or parts of a human body from a person after death

Article 9 : Transplantation d'organes, de tissus et de produits du corps humain

